REPUBULIKA Y'U RWANDA

REPUBLIC OF RWANDA

RICA Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority

**ITANGAZO RIGENEWE ABAVUZI B'AMATUNGO BAKOZE ISUZUMA KU BUGENZUZI BW' INYAMA**

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, Ihiganwa mu Bucuruzi no Kurengera Umuguzi (RICA), buramenyesha abakozi bashinzwe ubworozi mu mirenge ndetse n'abavuzi b'amatungo bigenga bahuguwe mu byiciro (cohorts) bitandukanye **kuva 12 Kanama kugeza 21 Ukwakira 22** ku bijyanye no kugenzura inyama, ko ibisubizo by'isuzuma byashyizwe ahagaragara ku rubuga rwa RICA, (https://www.rica.gov.rw/publication/recruitment-publications.

Burabamenyesha kandi ibi bikurikira:

1. Amanota yo gutsindiraho ni 60% no hejuru yayo,
2. Abataragejeje kuri 60% bifuza gusubiramo isuzuma, riteganyijwe kuwa **19/05/2023**
3. Ababonye 60% no hejuru yayo, by'umwihariko abavuzi b'amatungo bigenga, barasabwa kwihutira gutanga ibyangombwa bikurikira kuri RICA kugira ngo bandikwe by'agateganyo bibaheshe uburenganzira bwo gukomeza mu kindi cyiciro cyo kwihugura **(on-job training/attachment):** Kopi y'Indangamuntu, Kopi y'impamyabushobozi iriho umukono wa noteri na Kopi y'uruhushya rugifite agaciro rwo kugenzura ibikomoka ku matungo rwatanzwe na RCVD;
4. Ibyangombwa bivugwa haruguru byoherezwa kuri RICA binyujijwe kuri email ikurikira: application@rica.gov.rw .

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara **9899** cyangwa mukatwandikira kuri info@rica.gov.rw

**ICYITONDERWA:** Abifuza gusubiramo isuzuma, barasabwa kubimenyesha RICA binyujijwe kuri email ikurikira: application@rica.gov.rw bitarenze kuwa **28/04/2023.**

**Bikorewe I Kigali, kuwa 22./.03./2023**

**Beatrice UWUMUKIZA**
**Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo**

P.O. Box: 375 Kigali-Rwanda | Website: www.rica.gov.rw | E-mail:info@rica.gov.rw
Safari Centre House | Plot Number 436 | Kicukiro District